

ITEGEKO N° 20/2016 RYO KU WA 20/05/2016 RIHINDURA KANDI RYUZUZA ITEGEKO N° 80/2013 RYO KU WA 11/09/2013 RISHYIRAHO KOMISIYO Y'IGIHUGU ISHINZWE UBUMENYI N'IKORANABUHANGA (NCST) RIKANAGENA INSHINGANO, IMITERERE N'IMIKORERE BYAYO

LAW N° 20/2016 OF 20/05/2016 MODIFYING AND COMPLEMENTING LAW N° 80/2013 OF 11/09/2013 ESTABLISHING THE NATIONAL COMMISSION OF SCIENCE AND TECHNOLOGY (NCST) AND DETERMINING ITS MISSION, ORGANIZATION AND FUNCTIONING

LOI N° 20/2016 DU 20/05/2016 MODIFIANT ET COMPLETANT LA LOI N° 80/2013 DU 11/09/2013 PORTANT CREATION DE LA COMMISSION NATIONALE DE LA SCIENCE ET DE LA TECHNOLOGIE (NCST) ET DETERMINANT SES MISSIONS, SON ORGANISATION ET SON FONCTIONNEMENT

**ISHAKIRO**

**TABLE OF CONTENTS**

**TABLE DES MATIERES**

**Ingingo ya mbere:** Inshingano za NCST

**Article One:** Mission of the NCST

**Article premier:** Missions de NCST

**Ingingo ya 2:** Urwego rureberera NCST

**Article 2:** Supervising Authority of NCST

**Article 2:** Organe de tutelle de NCST

**Ingingo ya 3:** Amasezerano yerekeye gahunda y'ibikorwa

**Article 3:** Performance contract

**Article 3:** Contrat de performance

**Ingingo ya 4:** Urwego rushyikirizwa gahunda na raporo by'ibikorwa bya NCST

**Article 4:** Organ to which the action plan and activity report of NCST are submitted

**Article 4:** Organe auquel le plan d'action et le rapport d'activités de NCST sont soumis

**Ingingo ya 5:** Inzego za NCST

**Article 5:** Organs of NCST

**Article 5:** Organes de NCST

**Ingingo ya 6:** Inama y'Igihugu y'Ubumenyi n'Ikoranabuhanga

**Article 6:** National Science and Technology Council

**Article 6:** Conseil National de la Science et de la Technologie

**Ingingo ya 7:** Imikorere y'Inama y'Igihugu y'Ubumenyi n'Ikoranabuhanga n'ya Komite zidahoraho

**Article 7:** Functioning of the National Science and Technology Council and that of ad hoc Committees

**Article 7:** Fonctionnement du Conseil National de la Science et de la Technologie et celui des Comités ad hoc

**Ingingo ya 8:** Biro y'Inama y'Igihugu y'Ubumenyi n'Ikoranabuhanga

**Article 8:** Bureau of the National Science and Technology Council

**Article 8:** Bureau du Conseil National de la Science et de la Technologie

<b><u>Ingingo ya 9:</u> Inshingano za Biro y’Inama y’Igihugu y’Ubumenyi n’Ikoranabuhanga</b>	<b><u>Article 9:</u> Responsibilities of the Bureau of the National Science and Technology Council</b>	<b><u>Article 9:</u> Attributions du Bureau du Conseil National de la Science et de la Technologie</b>
<b><u>Ingingo ya 10:</u> Ivanwaho ry’ingingo ya 17</b>	<b><u>Article 10:</u> Repealing of Article 17</b>	<b><u>Article 10:</u> Abrogation de l’article 17</b>
<b><u>Ingingo ya 11:</u> Inshingano z’Umuyobozi Mukuru</b>	<b><u>Article 11:</u> Responsibilities of the Director General</b>	<b><u>Article 11:</u> Attributions du Directeur Général</b>
<b><u>Ingingo ya 12:</u> Ivanwaho ry’ingingo zinyuranyije n’iri tegeko</b>	<b><u>Article 12:</u> Repealing provision</b>	<b><u>Article 12:</u> Disposition abrogatoire</b>
<b><u>Ingingo ya 13:</u> Itegurwa, isuzumwa n’itorwa by’iri tegeko</b>	<b><u>Article 13:</u> Drafting, consideration and adoption of this Law</b>	<b><u>Article 13:</u> Initiation, examen et adoption de la présente loi</b>
<b><u>Ingingo ya 14:</u> Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa</b>	<b><u>Article 14:</u> Commencement</b>	<b><u>Article 14:</u> Entrée en vigueur</b>

**ITEGEKO N° 20/2016 RYO KU WA 20/05/2016 RIHINDURA KANDI RYUZUZA ITEGEKO N° 80/2013 RYO KU WA 11/09/2013 RISHYIRAHO KOMISIYO Y'IGIHUGU ISHINZWE UBUMENYI N'IKORANABUHANGA (NCST) RIKANAGENA INSHINGANO, IMITERERE N'IMIKORERE BYAYO**

**Twebwe, KAGAME Paul,**  
Perezida wa Repubulika;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE NONE NATWE DUHAMJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:**

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 4 Mata 2016;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 64, iya 69, iya 70, iya 88, iya 90, iya 91, iya 106, iya 112, iya 120, iya 139, iya 165 n'iya 176;

Isubiye ku Itegeko n° 80/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rishyiraho Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Ubumenyi n'Ikoranabuhanga (NCST) rikanagena inshingano,

**LAW N° 20/2016 OF 20/05/2016 MODIFYING AND COMPLEMENTING LAW N° 80/2013 OF 11/09/2013 ESTABLISHING THE NATIONAL COMMISSION OF SCIENCE AND TECHNOLOGY (NCST) AND DETERMINING ITS MISSION, ORGANIZATION AND FUNCTIONING**

**We, KAGAME Paul,**  
President of the Republic;

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

**THE PARLIAMENT:**

The Chamber of Deputies, in its session of 4 April 2016;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 112, 120, 139, 165 and 176;

Having reviewed Law n° 80/2013 of 11/09/2013 establishing the National Commission of Science and Technology (NCST) and determining its mission,

**LOI N° 20/2016 DU 20/05/2016 MODIFIANT ET COMPLETANT LA LOI N° 80/2013 DU 11/09/2013 PORTANT CREATION DE LA COMMISSION NATIONALE DE LA SCIENCE ET DE LA TECHNOLOGIE (NCST) ET DETERMINANT SES MISSIONS, SON ORGANISATION ET SON FONCTIONNEMENT**

**Nous, KAGAME Paul,**  
Président de la République;

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA**

**LE PARLEMENT:**

La Chambre des Députés, en sa séance du 4 avril 2016;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 112, 120, 139, 165 et 176;

Revu la Loi n° 80/2013 du 11/09/2013 portant création de la Commission Nationale de la Science et de la Technologie (NCST) et déterminant ses

imiterere n'imikorere byayo, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 5, iya 6, iya 7, iya 9, iya 10, iya 12, iya 15, iya 16, iya 17 n'iya 19;

organization and functioning, especially in Articles 5, 6, 7, 9, 10, 12, 15, 16, 17 and 19;

missions, son organisation et son fonctionnement, spécialement en ses articles 5, 6, 7, 9, 10, 12, 15, 16, 17 et 19;

**YEMEJE:**

**ADOPTS:**

**ADOPTÉ:**

**Ingingo ya mbere: Inshingano za NCST**

**Article One: Mission of NCST**

**Article premier: Missions de NCST**

Ingingo ya 5 y'Itegeko n° 80/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rishyiraho Komisiyo y'Igihugu ishinze Ubumenyi n'Ikoranabuhanga (NCST) rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byayo, ihinduwe kandi yujijwe ku buryo bukurikira:

Article 5 of Law n° 80/2013 of 11/09/2013 establishing the National Commission of Science and Technology (NCST) and determining its mission, organization and functioning, is modified and complemented as follows:

L'article 5 de la Loi n° 80/2013 du 11/09/2013 portant création de la Commission Nationale de la Science et de la Technologie (NCST) et déterminant ses missions, son organisation et son fonctionnement, est modifié et complété comme suit:

«NCST ifite inshingano z'ingenzi zikurikira:

«NCST has the following main mission:

«NCST a les missions principales suivantes:

1° kugira inama Guverinoma mu bijyanye na politiki, amategeko n'igenzura mu byerekeye ubumenyi, ikoranabuhanga, ubushakashatsi no guhanga ibintu bishya kandi igakurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'izo politiki n'amategeko;

1° to advise the Government on policies, legislation and regulation in the fields of science, technology, research and innovation and monitor the implementation of such policies and legislation;

1° conseiller le Gouvernement en matière de politiques, de législation et de réglementation dans le domaine de la science, de la technologie, de la recherche et de l'innovation et faire le suivi de la mise en application de ces politiques et législation;

2° kugira inama Guverinoma mu kugena ibikorwa byihutirwa ku rwego rw'Igihugu mu rwego rw'ubumenyi, guhanga ibintu bishya, ikoranabuhanga, ubushakashatsi n'iterambere ndetse n'uburyo ibyo bikorwa byaterwa inkunga;

2° to advise the Government on setting national priorities in the fields of science, innovation, technology, research and development as well as modalities for financing such activities ;

2° conseiller le Gouvernement en matière de priorités nationales dans le domaine de la science, de l'innovation, de la technologie, de la recherche et du développement ainsi que les modalités de financement de ces activités;

3° kugaragaza no guteza imbere ibyiciro by'imirimo bishya bisaba imbaraga n'ingamba zihariye mu guhanga ibintu bishya hashingiwe ku ikoranabuhanga n'ubushakashatsi bwagirira Igihugu akamaro;

3° to identify and promote new high-impact areas of technology innovation and research that may be useful for the country's development through strategic foresights;

3° identifier et promouvoir les nouveaux secteurs d'activités de grande envergure en matière d'innovation technologique et de recherche pouvant s'avérer utiles pour le développement du pays par le biais de la prospective stratégique;

*Official Gazette n° 23 of 06/06/2016*

- |  |   |  |
|--|---|--|
| 4° gukora isesengura ku miterere n'imikoreshereze myiza by'umutungo n'ibikorwa remezo by'Igihugu, hagamijwe gushyigikira ubumenyi n'ikoranabuhanga n'uburyo bikoreshwa mu guhanga ibintu bishya mu buryo burambye; | 4° to carry out an analysis of the nature and efficient use of national resources and national infrastructure in order to support science and technology as well as their innovative use in a sustainable manner; | 4° mener une analyse de la nature et de l'utilisation efficace des ressources et des infrastructures nationales en vue de soutenir la science et la technologie ainsi que leur utilisation innovatrice de façon durable; |
| 5° gushyiraho amabwiriza agenga ubumenyi, guhanga ibintu bishya mu ikoranabuhanga n'ubushakashatsi;  | 5° to regulate science, technology innovation and research;   | 5° régler la science, l'innovation technologique et la recherche;  |
| 6° gushaka inkunga no gucunga ikigega cy'Igihugu cy'ubushakashatsi no guhanga ibintu bishya;   | 6° to mobilize funds and manage the National Research and Innovation Fund;  | 6° mobiliser l'aide financière et gérer le Fond National de Recherche et d'Innovation;   |
| 7° guteza imbere ibikorwa bimenyekanisha ubumenyi n'ikoranabuhanga muri sosiyeti;  | 7° to promote science and technology community outreach;  | 7° promouvoir la connaissance de la science et la technologie dans la société;   |
| 8° gutegura no kumenyekanisha raporo y'umwaka ku miterere y'ubumenyi n'ikoranabuhanga;   | 8° to prepare and disseminate annual report on the status of science and technology;  | 8° préparer et diffuser le rapport annuel sur l'état de la science et la technologie;  |
| 9° gushyikirana no gukorana n'ibindi bigo byateye imbere byo mu rwego rw'akarere no mu rwego mpuzamahanga bihuje inshingano”.  | 9° to cooperate and collaborate with other advanced regional and international institutions of excellence with similar mission”.  | 9° coopérer et collaborer avec d'autres institutions de renom au niveau régional et international ayant des missions similaires. »   |

**Ingingo ya 2: Urwego rureberera NCST**

Ingingo ya 6 y'Itegeko n° 80/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rishyiraho Komisiyo y'Igihugu ishinze Ubumenyi n'Ikoranabuhanga (NCST) rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byayo, ihinduwe kandi yujijwe ku buryo bukurikira:

“NCST irebererwa n'Ibiro bya Perezida wa Repubulika”.

**Article 2: Supervising Authority of NCST**

Article 6 of Law n° 80/2013 of 11/09/2013 establishing the National Commission of Science and Technology (NCST) and determining its mission, organization and functioning, is modified and complemented as follows:

“NCST is supervised by the Office of the President of the Republic.”

**Article 2: Organe de tutelle de NCST**

L'article 6 de la Loi n° 80/2013 du 11/09/2013 portant création de la Commission Nationale de la Science et de la Technologie (NCST) et déterminant ses missions, son organisation et son fonctionnement, est modifié et complété comme suit:

« NCST est placé sous la tutelle de la Présidence de la République. »

**Ingingo ya 3: Amasezerano yerekeye gahunda y'ibikorwa**

Ingingo ya 7 y'Itegeko n° 80/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rishyiraho Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Ubumenyi n'Ikoranabuhanga (NCST) rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byayo, ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

"Ubuyobozi Bukuru bwa NCST bugirana n'Inama y'Igihugu y'Ubumenyi n'Ikoranabuhanga amasezerano yerekeye gahunda y'ibikorwa, ububasha, uburenganzira n'inshingano bya buri ruhande mu kugeza NCST ku nshingano zayo.

Ayo masezerano amara igihe kingana n'umwaka umwe (1) w'ingengo y'imari.

Amasezerano yerekeye gahunda y'ibikorwa agomba kugaragaza ku buryo burambuye ibi bikurikira:

- 1° inshingano za NCST;
- 2° intego NCST igomba kugeraho;
- 3° inkomoko y'umutungo, imikoreshereze yawo n'uburyo buhoraho bwo kuwugenzura;
- 4° imikorere ya NCST".

**Article 3: Performance contract**

Article 7 of Law n° 80/2013 of 11/09/2013 establishing the National Commission of Science and Technology (NCST) and determining its mission, organization and functioning, is modified and complemented as follows:

“It is concluded between the Directorate General of NCST and the National Science and Technology Council a performance contract indicating competence, rights and obligations of each party in order for NCST to fulfil its mission.

The contract is valid for a period of one (1) fiscal year.

The performance contract must provide detailed information about the following:

- 1° mission of NCST;
- 2° objectives to be attained by NCST;
- 3° source and use of the property as well as modalities for its continuous audit;
- 4° functioning of NCST.”

**Article 3: Contrat de performance**

L'article 7 de la Loi n°80/2013 du 11/09/2013 portant création de la Commission Nationale de la Science et de la Technologie (NCST) et déterminant ses missions, son organisation et son fonctionnement, est modifié et complété comme suit:

«Il est conclu entre la Direction Générale de NCST et le Conseil National de la Science et de la Technologie un contrat de performance déterminant les compétences, les droits et les obligations de chaque partie en vue de la réalisation des missions de NCST.

Ce contrat est valide pour une durée d'un (1) an d'exercice fiscal.

Le contrat de performance doit préciser en détail ce qui suit:

- 1° les missions de NCST
- 2° les objectifs à être réalisés par NCST;
- 3° la source et l'utilisation du patrimoine ainsi que les modalités de son audit permanent;
- 4° le fonctionnement de NCST. »

**Ingingo ya 4: Urwego rushyikirizwa gahunda na raporo by'ibikorwa bya NCST**

Itegeko n° 80/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rishyiraho Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Ubumenyi n'Ikoranabuhanga (NCST) rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byayo, ryongewemo ingingo ya 7 bis yanditswe ku buryo bukurikira:

**“Ingingo ya 7 bis: Urwego rushyikirizwa gahunda na raporo by'ibikorwa bya NCST**

NCST ishyikiriza, buri mwaka n'igihe cyose bibaye ngombwa, ibiro bya Perezida wa Repubulika, gahunda na raporo by'ibikorwa byerekeranye n'inshingano zayo.”

**Ingingo ya 5: Inzego za NCST**

Ingingo ya 9 y'Itegeko n° 80/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rishyiraho Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Ubumenyi n'Ikoranabuhanga (NCST) rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byayo, ihinduwe kandi yujijwe ku buryo bukurikira:

"NCST igizwe n'inzego z'ubuyobozi zikurikira:

- 1° Inama y'Igihugu y'Ubumenyi n'Ikoranabuhanga;
- 2° Biro y'Inama y'Igihugu y'Ubumenyi n'Ikoranabuhanga;
- 3° Ubuyobozi Bukuru.

**Article 4: Organ to which the action plan and activity report of NCST are submitted**

In Law n° 80/2013 of 11/09/2013 establishing the National Commission of Science and Technology (NCST) and determining its mission, organization and functioning, Article 7 bis is inserted to read as follows:

**“Article 7 bis: Organ to which the action plan and activity report of NCST are submitted**

The NCST submits to the Office of the President of the Republic, the action plan and activity report related to its mission every year and whenever necessary.”

**Article 5: Organs of NCST**

Article 9 of Law n° 80/2013 of 11/09/2013 establishing the National Commission of Science and Technology (NCST) and determining its mission, organization and functioning, is modified and complemented as follows:

“NCST is composed of the following management organs:

- 1° the National Science and Technology Council;
- 2° the Bureau of the National Science and Technology Council;
- 3° the Directorate General.

**Article 4: Organe auquel le plan d'action et le rapport d'activités de NCST sont soumis**

Dans la Loi n° 80/2013 du 11/09/2013 portant création de la Commission Nationale de la Science et de la Technologie (NCST) et déterminant ses missions, son organisation et son fonctionnement, il est inséré l'article 7 bis libellé comme suit:

**« Article 7 bis: Organe auquel le plan d'action et le rapport d'activités de NCST sont soumis**

NCST soumet à la Présidence de la République, chaque année et chaque fois que de besoin, le plan d'action et le rapport d'activités relatifs à sa mission. »

**Article 5: Organes de NCST**

L'article 9 de la Loi n°80/2013 du 11/09/2013 portant création de la Commission Nationale de la Science et de la Technologie (NCST) et déterminant ses missions, son organisation et son fonctionnement, est modifié et complété comme suit:

« NCST est composé des organes de direction suivants:

- 1° le Conseil National de la Science et de la Technologie;
- 2° le Bureau du Conseil National de la Science et de la Technologie;
- 3° la Direction Générale.

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena imiterere y'imyanya y'imirimo ya NCST".

**Ingingo ya 6: Inama y'Igihugu y'Ubumenyi n'Ikoranabuhanga**

Ingingo ya 10 y'Itegeko n° 80/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rishyiraho Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Ubumenyi n'Ikoranabuhanga (NCST) rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byayo, ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

"Abagize Inama y'Igihugu y'Ubumenyi n'Ikoranabuhanga batoranywa mu nzego za Leta n'iz'abikorera baba Abanyarwanda cyangwa abanyamahanga bari mu Rwanda cyangwa hanze yarwo.

Nibura mirongo itatu ku ijana (30%) by'abagize Inama y'Igihugu y'Ubumenyi n'Ikoranabuhanga bagomba kuba ari abagore.

Abagize Inama y'Igihugu y'Ubumenyi n'Ikoranabuhanga barimo ba Perezida babiri (2) bashyirwaho n'Iteka rya Perezida".

**Ingingo ya 7: Imikorere y'Inama y'Igihugu y'Ubumenyi n'Ikoranabuhanga n'iya Komite zidahoraho**

Ingingo ya 12 y'Itegeko n° 80/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rishyiraho Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Ubumenyi n'Ikoranabuhanga (NCST) rikanagena

A Prime Minister's Order determines the organizational structure of NCST."

**Article 6: National Science and Technology Council**

Article 10 of Law n° 80/2013 of 11/09/2013 establishing the National Commission of Science and Technology (NCST) and determining its mission, organization and functioning, is modified and complemented as follows:

"Members of the National Science and Technology Council are selected from the public and private institutions and may be Rwandans or foreigners living in or outside Rwanda.

At least thirty per cent (30%) of the members of the National Science and Technology Council must be females.

Members of the National Science and Technology Council include two (2) Co-Chairs appointed by a Presidential Order."

**Article 7: Functioning of the National Science and Technology Council and that of ad hoc Committees**

Article 12 of Law n° 80/2013 of 11/09/2013 establishing the National Commission of Science and Technology (NCST) and determining its mission,

Un arrêté du Premier Ministre détermine la structure organisationnelle de NCST. »

**Article 6: Conseil National de la Science et de la Technologie**

L'article 10 de la Loi n° 80/2013 du 11/09/2013 portant création de la Commission Nationale de la Science et de la Technologie (NCST) et déterminant ses missions, son organisation et son fonctionnement, est modifié et complété comme suit:

«Les membres du Conseil National de la Science et de la Technologie sont choisis au sein d'institutions publiques et privées et peuvent être des Rwandais ou des étrangers vivant au Rwanda ou à l'étranger.

Au moins trente pour cent (30%) des membres du Conseil National de la Science et de la Technologie doivent être de sexe féminin.

Les membres du Conseil National de la Science et de la Technologie comprennent deux (2) Co-présidents nommés par arrêté présidentiel.»

**Article 7: Fonctionnement du Conseil National de la Science et de la Technologie et celui des Comités ad hoc**

L'article 12 de la Loi n° 80/2013 du 11/09/2013 portant création de la Commission Nationale de la Science et de la Technologie (NCST) et déterminant



*Official Gazette n° 23 of 06/06/2016*

inshingano, imiterere n'imikorere byayo, ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

"Inama y'Igihugu y'Ubumenyi n'Ikoranabuhanga iterana rimwe mu mwaka mu nama isanzwe n'igihe cyose bibaye ngombwa mu nama idasanzwe. Itumizwa kandi ikayoborwa na ba Perezida bayo.

Ubutumire bw'inama isanzwe bukorwa mu nyandiko, bukagezwa ku bagize Inama y'Igihugu y'Ubumenyi n'Ikoranabuhanga hasigaye nibura iminsi cumi n'itanu (15) kugira ngo inama iterane.

Icyakora, inama idasanzwe itumirwa mu nyandiko hasigaye nibura iminsi irindwi (7) mbere y'uko inama iterana.

Ba Perezida b'Inama y'Igihugu y'Ubumenyi n'Ikoranabuhanga bashobora gutumira mu nama undi muntu wese w'inzobere ushobora kuyungura ibitekerezo ku ngingo runaka iri ku murongo w'ibyigwa. Uwatumiwe ntiyemerewe kugira uruhare mu ifatwa ry'ibyemezo no gukurikirana iyigwa ry'izindi ngingo ziri ku murongo w'ibyigwa.

Iyo bibaye ngombwa, bitewe n'ibibazo birebana n'ibyiciro byihariye, ba Perezida b'Inama y'Igihugu y'Ubumenyi n'Ikoranabuhanga, bashobora gutumiza inama y'abagize icyiciro cyihariye. Imyanzuro y'iyi nama ishyikirizwa abagize Inama y'Igihugu y'Ubumenyi n'ikoranabuhanga kugira ngo bayemeze.

organization and functioning, is modified and complemented as follows:

"The National Science and Technology Council meets in an ordinary session once a year and in an extraordinary session whenever necessary. It is convened and presided over by its Co-Chairs.

The invitation to the ordinary meeting is made in writing and reach members of the National Science and Technology Council at least fifteen (15) days before the meeting is held.

However, the extraordinary meeting is convened in writing at least seven (7) days before the meeting is held.

The Co-Chairs of the National Science and Technology Council may invite to the meeting any resource person from whom it may seek advice on any item on the agenda. The invited person have no voting right and cannot participate in the consideration of other items on the agenda.

Where necessary, depending on issues of specific fields, the Co-Chairs of the National Science and Technology Council may convene a meeting of specialists in a specific field. The resolutions of such a meeting are submitted to members of the National Science and Technology Council for approval.

ses missions, son organisation et son fonctionnement, est modifié et complété comme suit:

«Le Conseil National de la Science et de la Technologie se réunit en session ordinaire une fois par an et en session extraordinaire chaque fois que de besoin. Il est convoqué et dirigé par ses Co-présidents.

L'invitation à la réunion ordinaire est adressée par écrit et doit parvenir aux membres du Conseil National de la Science et de la Technologie au moins quinze (15) jours avant la tenue de la réunion.

Toutefois, la réunion extraordinaire est convoquée par écrit au moins sept (7) jours avant la tenue de la réunion.

Les Co-présidents du Conseil National de la Science et de la Technologie peuvent inviter à la réunion toute personne ressource susceptible d'être consultée sur un point quelconque inscrit à l'ordre du jour. La personne ainsi invitée n'a pas de voix délibérative et ne peut participer à l'examen d'autres points inscrits à l'ordre du jour.

En cas de nécessité, suite aux questions relevant des domaines particuliers, les Co-présidents du Conseil National de la Science et de la Technologie peuvent convoquer la réunion des spécialistes dans un domaine particulier. Les résolutions de cette réunion sont soumises aux membres du Conseil National de la Science et de la Technologie pour approbation.

Imikorere y’Inama y’Igihugu y’Ubumenyi n’Ikoranabuhanga n’iya Komite zidahoraho n’uko ibyemezo bifatwa biteganywa n’amategeko ngenyamikorere ya NCST”.

The functioning of the National Science and Technology Council and that of the *ad hoc* Committees as well as modalities for taking decisions are determined by the internal rules and regulations of NCST.”

Le fonctionnement du Conseil National de la Science et de la Technologie et celui des Comités *ad hoc* ainsi que les modalités de prise de ses décisions sont déterminés par le règlement d’ordre intérieur de NCST. »

**Ingingo ya 8: Biro y’Inama y’Igihugu y’Ubumenyi n’Ikoranabuhanga**

**Article 8: Bureau of the National Science and Technology Council**

**Article 8: Bureau du Conseil National de la Science et de la Technologie**

Ingingo ya 15 y’Itegeko n° 80/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rishyiraho Komisiyo y’Igihugu ishinzwe Ubumenyi n’Ikoranabuhanga (NCST) rikanagena inshingano, imiterere n’imikorere byayo, ihinduwe kandi yujijwe ku buryo bukurikira:

Article 15 of Law n° 80/2013 of 11/09/2013 establishing the National Commission of Science and Technology (NCST) and determining its mission, organization and functioning, is modified and complemented as follows:

L’article 15 de la Loi n°80/2013 du 11/09/2013 portant création de la Commission Nationale de la Science et de la Technologie (NCST) et déterminant ses missions, son organisation et son fonctionnement, est modifié et complété comme suit:

“Biro y’Inama y’Igihugu y’Ubumenyi n’Ikoranabuhanga igizwe n’Abaperezida babiri.”

“The Bureau of the National Science and Technology Council is composed of two Co-chairs.”

« Le Bureau du Conseil National de la Science et de la Technologie est composé de deux Co-présidents. »

**Ingingo ya 9: Inshingano za Biro y’Inama y’Igihugu y’Ubumenyi n’Ikoranabuhanga**

**Article 9: Responsibilities of the Bureau of the National Science and Technology Council**

**Article 9: Attributions du Bureau du Conseil National de la Science et de la Technologie**

Ingingo ya 16 y’Itegeko n° 80/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rishyiraho Komisiyo y’Igihugu ishinzwe Ubumenyi n’Ikoranabuhanga (NCST) rikanagena inshingano, imiterere n’imikorere byayo, ihinduwe kandi yujijwe ku buryo bukurikira:

Article 16 of Law n° 80/2013 of 11/09/2013 establishing the National Commission of Science and Technology (NCST) and determining its mission, organization and functioning, is modified and complemented as follows:

L’article 16 de la Loi n° 80/2013 du 11/09/2013 portant création de la Commission Nationale de la Science et de la Technologie (NCST) et déterminant ses missions, son organisation et son fonctionnement, est modifié et complété comme suit:

“Inshingano za Biro y’Inama y’Igihugu y’Ubumenyi n’Ikoranabuhanga ni izi zikurikira:

“Responsibilities of the Bureau of the National Science and Technology Council are the following:

“Les attributions du Bureau du Conseil National de la Science et de la Technologie sont les suivantes:

1° gutegura inama z’Inama y’Igihugu y’Ubumenyi n’Ikoranabuhanga;

1° to prepare meetings of the National Science and Technology Council;

1° préparer les réunions du Conseil National de la Science et de la Technologie;

2° kuyobora imirimo y’Inama y’Igihugu y’Ubumenyi n’Ikoranabuhanga;

2° to lead activities of the National Science and Technology Council;

2° diriger les activités du Conseil National de la Science et de la Technologie;

- |  |   |  |
|--|---|--|
| <p>3° gufata ibyemezo byihutirwa igihe Inama y'Igihugu y'Ubumenyi n'Ikoranabuhanga itabashije guterana, bikemezwa burundu n'Inama y'Igihugu y'Ubumenyi n'Ikoranabuhanga mu nama ikurikira;</p> | <p>3° to take urgent decisions in case the National Science and Technology Council is unable to meet. Such decisions are approved by the next meeting of the National Science and Technology Council;</p> | <p>3° prendre des décisions urgentes en cas d'incapacité du Conseil National de la Science et de la Technologie de siéger. Ces décisions sont approuvées définitivement par le Conseil National de la Science et de la Technologie lors de sa prochaine réunion;</p> |
| <p>4° gukora indi mirimo yahabwa n'Inama y'Igihugu y'Ubumenyi n'Ikoranabuhanga.”</p>   | <p>4° to perform any other duties as may be assigned by the National Science and Technology Council”.</p>   | <p>4° exécuter toute autre tâche qui pourrait lui être assignée par le Conseil National de la Science et de la Technologie. »</p>  |

**Ingingo ya 10: Ivanwaho ry'ingingo ya 17**

Ingingo ya 17 y'Itegeko n° 80/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rishyiraho Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Ubumenyi n'Ikoranabuhanga (NCST) rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byayo ivanyweho”.

**Ingingo ya 11: Inshingano z'Umuyobozi Mukuru**

Ingingo ya 19 y'Itegeko n° 80/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rishyiraho Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Ubumenyi n'Ikoranabuhanga (NCST) rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byayo, ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

“Umuyobozi Mukuru ashinzwe ibi bikurikira:

- 1° guhagararira NCST imbere y'amategeko;

**Article 10: Repealing of Article 17**

Article 17 of Law n° 80/2013 of 11/09/2013 establishing the National Commission of Science and Technology (NCST) and determining its missions, organization and functioning is repealed.

**Article 11: Responsibilities of the Director General**

Article 19 of Law n° 80/2013 of 11/09/2013 establishing the National Commission of Science and Technology (NCST) and determining its mission, organization and functioning, is modified and complemented as follows:

“The Director General has the following responsibilities:

- 1° to serve as the legal representative of NCST;

**Article 10: Abrogation de l'article 17**

L'article 17 de la Loi n° 80/2013 du 11/09/2013 portant création de la Commission Nationale de la Science et de la Technologie (NCST) et déterminant ses missions, son organisation et son fonctionnement est abrogé.

**Article 11: Attributions du Directeur Général**

L'article 19 de la Loi n°80/2013 du 11/09/2013 portant création de la Commission Nationale de la Science et de la Technologie (NCST) et déterminant ses missions, son organisation et son fonctionnement, est modifié et complété comme suit:

“Le Directeur Général a les attributions suivantes:

- 1° être le représentant légal de NCST;

*Official Gazette n° 23 of 06/06/2016*

2° gushyikirana n'ibigo cyangwa izindi nzego byo mu Gihugu no mu mahanga bifitanye isano na NCST;	2° to cooperate with other institutions or organs related to NCST based in Rwanda or abroad;	2° établir des liens avec d'autres institutions ou organes homologues basés au Rwanda ou à l'étranger;
3° gutunganya no guhuza ibikorwa byose byo mu Buyobozi Bukuru;	3° to organize and coordinate all the activities of the Directorate General;	3° organiser et coordonner toutes les activités de la Direction Générale;
4° gushyira mu bikorwa inshingano za NCST no gukurikirana imirimo ya buri muni ya NCST;	4° to ensure the achievement of the mission of NCST and monitor daily activities of NCST;	4° assurer l'accomplissement des missions de NCST et faire le suivi des activités quotidiennes de NCST;
5° gushyira mu bikorwa ibyemezo by'Inama y'Igihugu y'Ubumenyi n'Ikoranabuhanga n'ibya Biro y'Inama y'Igihugu y'Ubumenyi n'Ikoranabuhanga;	5° to implement decisions of the National Science and Technology Council and those of the Bureau of the National Science and Technology Council ;	5° exécuter les décisions du Conseil National de la Science et de la Technologie et celles du Bureau du Conseil National de la Science et de la Technologie;
6° gucunga abakozi, ibikoresho n'umutungo bya NCST no gutanga raporo yabyo;	6° to manage staff, equipment and property of NCST and submit a report thereon;	6° gérer le personnel, le matériel et le patrimoine de NCST et en soumettre le rapport;
7° kuba umwanditsi w'Inama y'Igihugu y'Ubumenyi n'Ikoranabuhanga na Biro y'Inama y'Igihugu y'Ubumenyi n'Ikoranabuhanga no kubika inyandiko za NCST;	7° to serve as the rapporteur of the National Science and Technology Council and that of the Bureau of the National Science and Technology Council and keep documents of NCST;	7° être le rapporteur du Conseil National de la Science et de la Technologie et du Bureau du Conseil National de la Science et de la Technologie et assurer la tenue des documents de NCST;
8° gutegura gahunda y'ibikorwa na raporo y'ibikorwa byemezwa n'Inama y'Igihugu y'Ubumenyi n'Ikoranabuhanga akabishyikiriza Inzego zibishinzwe;	8° to prepare a plan of action and activity report to be approved by the National Science and Technology Council and submit them to the relevant organs;	8° préparer le plan d'action et le rapport d'activités devant être soumis à l'approbation du Conseil National de la Science et de la Technologie et les soumettre aux organes compétents;
9° gutegura umushinga w'amategeko ngengamikorere ya NCST yemezwa n'Inama y'Igihugu y'Ubumenyi n'Ikoranabuhanga;	9° to prepare the draft of internal rules and regulations of NCST to be approved by the National Science and Technology Council;	9° élaborer le projet du règlement d'ordre intérieur de NCST à soumettre à l'approbation du Conseil National de la Science et de la Technologie;
10° gutegura imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari ya NCST;	10° to prepare the draft budget proposal of NCST;	10° élaborer l'avant-projet de budget de NCST;

*Official Gazette n° 23 of 06/06/2016*

11° gushyira mu bikorwa imikoreshereze y'ingengo y'imari ya NCST;	11° to ensure the execution of the budget of NCST;	11° assurer l'exécution du budget de NCST;
12° gukora indi mirimo yose ijyanye n'inshingano ze yasabwa n'Inama y'Igihugu y'Ubumenyi n'Ikoranabuhanga cyangwa Biro y'Inama y'Igihugu y'Ubumenyi n'Ikoranabuhanga”.	12° to perform such other duties related to his/her responsibilities as may be assigned to him/her by the National Science and Technology Council or the Bureau of the National Science and Technology Council.”	12° accomplir toute autre tâche en rapport avec ses attributions qui pourrait lui être assignée par le Conseil National de la Science et de la Technologie ou par le Bureau du Conseil National de la Science et de la Technologie.”
<b><u>Ingingo ya 12: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko</u></b>	<b><u>Article 12: Repealing provision</u></b>	<b><u>Article 12: Disposition abrogatoire</u></b>
Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.	All prior legal provisions contrary to this Law are repealed.	Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.
<b><u>Ingingo ya 13: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko</u></b>	<b><u>Article 13: Drafting, consideration and adoption of this Law</u></b>	<b><u>Article 13: Initiation, examen et adoption de la présente loi</u></b>
Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.	This Law was drafted in English, considered and adopted in Kinyarwanda.	La présente loi a été initiée en anglais, examinée et adoptée en kinyarwanda.
<b><u>Ingingo ya 14: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa</u></b>	<b><u>Article 14: Commencement</u></b>	<b><u>Article 14: Entrée en vigueur</u></b>
Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.	This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.	La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

*Official Gazette n° 23 of 06/06/2016*

Kigali, ku wa 20/05/2016

(sé)  
**KAGAME Paul**  
Perezida wa Repubulika

(sé)  
**MUREKEZI Anastase**  
Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya  
Repubulika:**

(sé)  
**BUSINGYE Johnston**  
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Kigali, on 20/05/2016

(sé)  
**KAGAME Paul**  
President of the Republic

(sé)  
**MUREKEZI Anastase**  
Prime Minister

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

(sé)  
**USINGYE Johnston**  
Minister of Justice/Attorney General

Kigali, le 20/05/2016

(sé)  
**KAGAME Paul**  
Président de la République

(sé)  
**MUREKEZI Anastase**  
Premier Ministre

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

(sé)  
**BUSINGYE Johnston**  
Ministre de la Justice/Garde des sceaux